REPUBLIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'IKINAMICO

Umunsi Mpuzamahanga w'Ikinamico wizihizwa ku isi yose kuva mu mwaka wa 1961, ukaba wizihizwa buri mwaka ku ya 27 Werurwe. Washyizweho n'Ikigo Mpuzamahanga cy'Ikinamico mu wa 1961 ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ryita ku Bumenyi, Uburezi n'Umuco (UNESCO).

Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ikinamico bihuje n'inshingano z'Inteko y'Umuco zo kugira uruhare mu iterambere ry'ubuhanzi, ubuvanganzo n'ubugeni bishingiye ku muco.

Ni muri urwo rwego Minisiteri y'Urubyiruko n'Umuco ibinyujije mu Nteko y'Umuco yateguye amarushanwa y'abakina n'abandika ikinamico. Insanganyamatsiko y'uwo Munsi w'Ikinamico yatoranyijwe uyu mwaka igira iti: "**Duteze imbere ikinamico mu bukungu bushingiye ku nganzo**"

IBIZAGENDERWAHO:

1. Abanditsi b'ikinamico

a) Kuba ari Umunyarwanda;

b) Ikinamico igomba kuba ari umwimerere w'umuhanzi;

c) Kuba ikinamico itarigeze ijyanwa mu yandi marushanwa, itaratangajwe cyangwa ngo ibe yaranditswe bisabwe cyangwa bitewe inkunga n'urwego runaka.

d) Kuba ari ikinamico itari uruhererekane (igomba kuba irangiye);

e) Ikinamico igomba kuba yanditse mu Kinyarwanda kinoze;

f) Ikinamico igomba kuba atari ngufi (*sketch*);

Digitally signed by RCHA (Director General)
Date: 2021.03.03 09:14:07 +02'00'

g) Umwanditsi w'ikinamico yakwandika ku ngingo yihitiyemo idatokoza ingangagaciro n'umuco w'u Rwanda.

2. Abakinnyi b'ikinamico

a) Kuba ari Umunyarwanda;

b) Kuba yarakinnye mu ikinamaico yaciye mu bitangazamakuru bizwi kandi bikora ku buryo bwemewe n'amategeko (radiyo, tereviziyo) cyangwa yaratangajwe ku yindi mirongo (*Youtube*…);

c) Kugaragaza izina ry'umukinnyi ndetse n'umukinamico (*charactor/personnage*) yigana;

d) Kohereza ikinamico imwe (1) mu majwi cyangwa amajwi n'amashusho akinamo ari mu bakinnyi b'ingenzi;

e) Ikinamico akinamo igomba kuba iri mu Kinyarwanda kinoze kandi idatokoza umuco w'Abanyarwanda.

INGENGABIHE N'UBURYO BWO KOHEREZA IBIHANGANO:

Inyandiko z'ikinamico (ku banditsi) cyangwa imirongo (link) y'ikinamoco abakinnyi bakinamo bizohererezwa INTEKO Y'UMUCO **bitarenze ku wa 13 Werurwe 2021** mu buryo bw'ikoranabuhanga kuri aderesi ikurikira: **rchacompetition@gmail.com.** Hagomba kandi koherezwa umwirondoro mugufi (CV) w'umwanditsi cyangwa umukinnyi.

ISHIMWE:

Hazashimirwa 3 ba mbere mu banditsi na batatu ba mbere mu bakinnyi. Ishimwe rigenwe mu buryo bukurikira:

Uwa mbere: 300.000 FRW

Uwa kabiri: 200.000 FRW

Uwa gatatu: 100.000 FRW

Bikorewe i Huye, ku wa 01 Werurwe 2021

Digitally signed by RCHA (Director General)
Date: 2021.03.03 09:14:47 +02'00'

Amb. MASOZERA Robert

Intebe y'Inteko